
N.F.P.O
DEMOKARASI MU BWUMVIKANE N'UBWISANZURE
No112 Ugushyingo 2015

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RYAYOBOYE IBIGANIRO KU NTEKEREZO YA POLITIKI IRANGA U RWANDA

*Kuwa gatanu tariki ya 20 Ugushyingo 2015, mu Mujyi wa Kigali, mu cyumba cy'inama cya Hotel Umubano, habereye inama nyunguranabitekerezo ku Ntekerezo ya politiki y'u Rwanda muri iki gihe; inama yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki*




*Bamwe mu batanze ibiganiro*

Iyi nama nyunguranabitekerezo yateguwe hashingiwe ku myanzuro y'Inama nk'iyi yabaye tariki ya 13 Ukuboza 2013 yigaga ku ubuhanga n'ibitekerezo by'Abanyarwanda mbere y'Ubukoloni.

Afungura iyi nama ku mugaragaro, Umuvugizi w'Ihuriro Hon. NYIRAHIRWA Veneranda, yavuze ko mu nshingano z'Ihuriro, harimo kuba urubuga abarigize bunguranamo ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu no gutuma Imitwe ya Politiki ifite abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'itabafite igira aho ihuriza ibitekerezo byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu kandi imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa inzego za Leta zibifite mu nshingano zazo kugira ngo zibe zayifasha mu miyoborere y'Igihugu.




*Umuvugizi w'Ihuriro (Hagati)*

Umuvugizi w'Ihuriro yavuze ko ari muri urwo rwego, Ihuriro ritegura ibiganiro, amahugurwa n'ibindi bikorwa bigamije kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki kugira ngo irusheho kwiyubaka. Ihuriro rikaba ryarahisemo gutegura ikiganiro ku nsanganyamatsiko ku ntekerezo ya Politiki iranga u Rwanda: Imiyoborere y'u Rwanda n'Imikorere y'inzego zarwo (the National Conference on the current Rwandese political philosophy).

Agaragaza akamaro k'iyi nama, Umuvugizi w'Ihuriro yavuze ko ibi biganiro bigamije gukomeza kungurana ibitekerezo kuri politiki n'ubutegetsi by'u Rwanda hasesengurwa n'uruhare rwabyo mu kubaka ubumwe n'ubwumvikane by'Abanyarwanda; ibiganiro bitangwa bigamije gukomeza kwerekana ibiranga ubuyobozi bw'u Rwanda n'umwihariko wabwo, imicungire y'inzego z'imiyoborere y'Igihugu n'ingamba zituma u Rwanda rugera ku iterambere rirambye ndetse n'ingamba zafatwa kugira ngo ibyo u Rwanda rumaze kugeraho bizarambe igihe kirekire.

Umuvugizi yasoje avuga ko Ihuriro ryiteze ko inama irangira igaragaje ubusesenguzi bwerekana intekerezo ya politiki iranga ubuyobozi bw'u Rwanda n'umwihariko wabwo, ibyangombwa bigenderwaho mu kwerekana ukwigira kw'Abanyarwanda mu bikorwa bitandukanye bishakamo ibisubizo n'uburyo ibituranga byafasha amahanga mu bikorwa bitandukanye byo kwiyubaka.




*Zimwe mu mpuguke zatangaga ibiganiro*

Nyuma y'ibiganiro byatanzwe n'inararibonye muri politiki, abarimu n'abashakashatsi muri za Kaminuza, abari mu nama bunguranye ibitekerezo hafatwa imyanzuro irimo gushyiraho ingamba zo gukomeza gutegura neza iherekanya ry'ubumenyi, ubushobozi n'indangagaciro z'imiyoborere myiza ku bayobozi barimo n'urubyiruko ruzaba abayobozi b'ejo no gukomeza kuzamura imyumvire y'Abanyarwanda hagamijwe gukomeza gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Abari mu nama kandi basabye buri wese gushyigikira ukutagamburuzwa kw' u Rwanda n'Abanyarwanda (Resilience) gushingiye ku muco karande w'Abanyarwanda no kwishakamo ibisubizo nk'umurage ugomba gutozwa urubyiruko rw'ubu n'urw'ejo hazaza; kandi ko u Rwanda rudakwiye guheranwa n'umurage w'ubukoloni mu mitekerereze no mu myumvire, ahubwo rugomba kwireramo ubushobozi kandi rugafatanya n'ibindi bihugu by'Afurika mu gucyemura ibibazo.

Abitabiriye iyi nama bashimye ko u Rwanda rwahisemo Demokarasi ishingiye ku bwumvikane busesuye (democratie consensuelle) kuko ishingira ku mateka yacu, tukavoma mu muco wacu, ikanatuma tuganira ku bibazo by'Igihugu ku nyungu z'Abanyarwanda bose.

## ICYICIRO CYA XII CY'URUBYIRUKO RWIGISHWA IBYA POLITIKI N'UBUYOZI CYASOJWE

*Ku cyumweru tariki ya 08/11/2015 mu Ntara y'Uburengerazuba no Kuwa kane tariki ya 12/11/2015 mu Mujyi wa Kigali hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 12 cy'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki agatangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy/YPLA) .*





*Abanyeshuri bakurikiye iyi gahunda y'amahugurwa mu Mujyi wa Kigali* (Foto yo Hujuru) no mu Ntara y'Iburengerazuba (Foto yo hasi)

Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yashimye uru rubyiruko, abasaba kuba umusemburo w'iterambere ry'Igihugu cyacu. Yabibukije ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzababafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo haba mu itegurwa ry'inyandiko zisabwa Imitwe ya Politiki, haba mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke bayo, haba no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki kuko ubuhanga bagaragaje bwabera umusingi washingirwaho mu guteza imbere Imitwe ya politiki bakomokamo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yavuze ko intego nkuru y'aya mahugurwa ari ugutoza umwuga wa Politiki uru rubyiruko rwiyemeje kwitabira. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro akaba yayasoje ashimira uru rubyiruko umurava rwagaragaje mu gukurikira aya mahugurwa, ashimira n'Imitwe ya Politiki yabohereje, anabwira uru rubyiruko ko azarushimira Imitwe ya Politiki yarutoranyije ku buhanga n'umurava rwagaragaje.

Uwavuze mu izina ry'abarimu batanga amasomo muri iyi gahunda, Dr Alfred NDAHIRO yashimye umurava n'ubuhanga aba banyeshuri bagaragaje, ababwira ko umwuga wa politiki wigwa kandi ko ibyo waba uteganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Igihugu muri rusange imbere.



*Dr. Alfred NDAHIRO (Uhagaze)*

Yabasabye ko bagomba kuzakoresha ubuhanga bahawe cyane cyane ubwo kuvuga (communication skills) kuko umunyapolitiki udafite ubuhanga mu kuvuga ngo atange neza igitekerezo cye adashobora kugera ku ntego yiyemeje. Aha akaba yagereranije umunyapolitiki utazi kuvuga n'umubwirizabutumwa ujya kwigisha abayoboke b'idini rye atitwaje Bibiliya cyangwa Ikolowani.



*Abanyeshuri bari mu myitozo mu kwimenyereza kuvugira mu ruhame*

Ku banyeshuri 88 boherejwe n'Imitwe ya politiki igize Ihuriro gukurikira aya masomo, abayakurikiye neza bazahabwa impamyabushobozi ni 85, abandi bakaba batarubahirije amategeko n'amabwiriza bigenga iri shuri.

Iyi gahunda ihoraho igenewe urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, yatangiye mu w'2010; ikorwa gusa mu Mugi wa Kigali ariko nyuma yo kwibonera akamaro ifitiye urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, Inama Rusange yemeje ko iba gahunda ihoraho kandi ikorerwa mu Gihugu hose ku Rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali.